

Gusoma aka gatabo ni intambwe ya mbere yo kugira amahoro ubwawe n'abana bawe. Intambwe ikurikiraho ni ugusaba ubufasha mu miryango ikurikira:

Ibitabo:

Umurongo w'ubufasha wa gahunda y'igihugu ishinze kurwanya ihohoterwa ryo mu ngo

1-800-799-7233

Niba ufite ubumuga bwo kutumva ukaba uvuga icyongereza, hamagara 1-800-787-3224

Amabwiriza: Uwakira abahamagara uvuga icyongereza azakwitaba. Vuga izina ry'ururimi n'igihugu cyawe, maze utegereze iminota myinshi kugira ngo aguhuze n'umusemuze.

Serivisi z'aho uri:

Aka gatabo kaboneka kandi mu: Cyarabu, Icyarumeniya, Ikibosiniya, Igikorowasiya, Igikambodiya/Igikumeri, Igishinwa, Ikidari/Igifarisi, Igihimongi, Igikurudi, Ikilawotiya, Ikirusiya, Igisomali, n'Ivinyetnamu. Kugira ngo ubisabe, hamagara: Ishami rishinzwe ubuzima bw'impunzi kuri (916) 322-2087.

Aka gatabo kakozwe kandi gasubirwamo n'Ishami rya California rishinzwe serivisi z'ubuzima, n'Ishami rishinzwe ubuzima bw'impunzi ku bufatanye na Gahunda yo kurwanya ihohoterwa rikorerwa mu ngo, abakozi bashinzwe ubuzima bw'impunzi baturuka ntara za Los Angeles na Merced, hamwe n'Imiryango Gatolika itabara imbabare muri San Diego. Inyandiko y'umwimerere yanditswe na AYUDA, Inc., n'Ikigega gishinzwe kurwanya ihohoterwa rikorerwa mu murungu. 6/99

**NTA MUNTU
N'UMWE UFITE
UBURENGANZI-
RA BWO KUGU-
KOMERETSA,
N'UBWO WABAU-
MUKUNDA:**



**IBIBAZO N'IBI-
SUBIZO BIGE-
NEWE IMPUNZI
Z'ABAGORE**

Ihohoterwa rikorerwa mu ngo riba iyo umugabo wawe, uwahoze ari umugabo wawe cyangwa umuhungu w'incuti yawe (uba mu rugo iwawe) agukomerekeje, haba ku mubiri cyangwa mu buryo bw'amarangamutima, umunsi ku wundi cyangwa icyumweru ku kindi. Muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, ihohoterwa rikorerwa mu ngo ni **"icyaha gihanwa n'amategeko"**. Ihohoterwa ribaho iyo:

- Agukangishije kugukomeretsa cyangwa agukomerekeje ku mubiri.
- Aguhatiye gukora imibonano mpuzabitsina igihe utabishaka.
- Akubujije kujya kubonana na muganga.
- Yangije ibikoreho byawe, ikwiciye itungo ryo mu rugo, amennye igikoreho cyawe ukunda cyane n'ibindi.
- Acunga amafaranga yawe, akubuza kujya kureba incuti n'umuryango wawe.
- Atakwemerera kuva mu rugo rwawe.

Nakora iki igihe ndi mu kaga?

- Igihe ukeneye ubufasha bwihuse, hamagara 911 maze ubwire uwakira abahamagara ururimi uvuga.
- Jya ku **"icumbi"**. **"Icumbi"** ni ahantu hatekanye, nk'inzu ngari, aho wowe n'abana bawe mushobora kuba mukaharyama kandi mukahafatira amafunguro. Ubusanzwe amacumbi ni ubuntu, kandi akenshi agira amakuru yerekeranye n'izindi serivisi ukeneye aho uba.
- Jya kubana n'incuti cyangwa abo mu murungu wawe. **Ntugire** umuntu uwo ari we wese ubwira aho utuye.
- Hamagara umuryango wagufashije kuza muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Baza uko wabona ubufasha mu by'amategeko.

Niba uvuye mu rugo rwawe, kora uko ushoboye kose kugira ngo ujyane n'abana bawe. Igihe ubishoboyekandi wakwitwaza:

- Uruhusa rwo gutwara imodoka cyangwa indangamuntu.
- I-94 cyangwa ikarita ya "Green card".
- Inyandiko zigaragaza imiterere ya konti, udutabo twa sheki n'ibitabo bya banki.

- Ibyemezo by'amavukon'impapuro wazerehaniyeho n'uwo mwashakanye.
- Inyandiko z'imibereho myiza, inyandiko zo kwa muganga, inyandiko ufatiraho ibiribwa.
- Inyandiko zose z'abinjira n'abasohoka.
- Ikarita y'ubwitwaganyirize.
- Imiti.

Na none, bika amafaranga yawe ahantu h'ibanga kandi ubike izindi mfunguzo n'imwe mu myambaro yawe aho hantu h'ibanga.

Niba udashobora kubona impapuro z'umwimerere cyangwa kopi yazo, andika ku rupapuro amakuru akubiye muri izo nyandiko. Bika ibyo bintu mu gikapu, ku buryo nukenera kugenda ushobora guhita uzibona ku buryo bwihuse. Ushobora kandi kubitsa amakopi y'izi nyandiko ku ncuti yawe.

Mbese nshobora guhamagara polisi?

Yego. Ihohoterwa rikorerwa mu ngo ni **"icyaha gihanwa n'amategeko"**. Polisi ishobora kukujyanana n'abana bawe mu murungu wawe cyangwa mu rugo rw'incuti yawe, cyangwa ahantu hizewe nko mu icumbi. Niba polisi yemera ko icyaha cyakozwe, bashobora guta muri yombi umugabo wawe cyangwa incuti yawe. Niba umuyobozi wa polisi atavugaga ururimi rwawe, shaka umuntu utari umwana wawe, ntabe umugabo, cyangwa incuti yawe kugira ngo agusemurire.

Buri gihe ujye usaba umuyobozi wa polisi kuzaza **"raporo y'uko ikibazo giteye"** igaragaza ibyabaye (icyaguteye guhamagara polisi). Saba guhabwa **"numero ya raporo y'ibyabaye"** kugira ngo ushobore kubona kopi ya raporo. Saba kandi wandike izina na numero y'ikiranga (numero iranga umuyobozi wa polisi) umupolisi urimo gukora raporo.

Niba umugabo wawe cyangwa incuti yawe ijyanywe kuri sitasiyo ya polisi, ashobora kurekurwa akagaruka mu rugo mu gihe cy'amasaha abiri. Koresha ako gahe ushaka ahantu wajya hatekanye.

Nakwirinda nte mu gihe kizaza?

Shaka “**icyemezo cy’uburinzi**”. icyemezo cy’uburinzi kandi cyitwa “**icyemezo cyo kwemererwa cyangwa kubuzwa**”. Gishobora kubuza uguhohotera kuza hafi yawe, hafi y’abana bawe, cyangwa abandi bagize umuryango wawe. Ushobora kandi gusaba ko umugabo wawe cyangwa incuti yawe ivanwa mu rugo rwawe, kandi ko itivanga mu mibereho yawe nk’umwimukira. Kugira ngo icyemezo cy’uburinzi kigire agaciro, ugomba kugaragaza ubushake ufite bwo guhamagara polisi kugira ngo ishyire icyo cyemezo mu bikorwa.

Mbese nshobora kubona icyemezo cy’uburinzi n’iyo naba ntari umwenegihugu Wa Leta Zunze Ubumwe z’Amerika?

Yego. Si ngombwa kuba umwenegihugu cyangwa umuntu utuye ku buryo bwemewe n’amategako kugira ngo ubone icyemezo cy’uburinzi. Umwunganizi mu by’amategeko ashobora kugufasha, ariko si ngombwa. Ushobora kubona urupapuro rusaba ku biro by’inkiko, amacumbi y’abagore, ibiro bitanga serivisi mu by’amategeko, n’amashami ya polisi. Ku bindi bisobanuro kuri politiki y’icyemezo cy’uburinzi mu nkiko aho utuye, wabaza: (1) “**Umwunganizi muri serivisi z’amategako**” (umwunganizi utanga serivisi z’ubwunganizi mu by’amategeko ku bantu b’abakene), **cyangwa** (2) umuryango wagufashije, **cyangwa** (3) gahunda ifasha yita ku mpunzi ikwegereye.

Nabona nte uburenganzira bwo gutura ku buryo buhoraho kandi bwemewe n’amategeko ntibifashijwemo n’umugabo wanjye?

Itegeko rihana ihohoterwa rikorerwa abagore (VAWA) rishyiraho uburyo bwo gutura ku bagore batanditswe bashakanye n’Abanyamerika cyangwa abatuye ku buryo buhoraho byemewe n’amategeko. Aho kugendera ku mugabo wawe kugira ngo usabe icumbi muri serivisi y’abimukira n’abababwira ubwengehugu (INS), ushobora kubyisabira ubwawe n’abana bawe. Ibi byitwa “**kwisabira**”. Ugomba kuba ufite kopi ya raporo ya polisi nka gihamya y’ihohoterwa rikorerwa mu ngo. Umugabo wawe nta ruhare agira muri iyi gahunda, kandi nta n’ubwo agomba kumenya ko uri mu nzira zo gusaba icumbi. Itegeko rirakomeye.

Mbere yo kujya kuri INS, banza uvugane n’umukozi ushinze iby’amacumbi, umwunganizi mu by’amategeko ku by’abimukira, cyangwa umwe mu miryango iri ku rutonde rwometse inyuma kuri aka gatabo. Kugira ngo wisabire ugomba kuba wubatse. Hita ushaka umwunganizi mu by’amategeko ukimara kubona impapuro z’ubutane.

Niba waratawe muri yombi na INS ukaba “**usaba kurekurwa**” (mbere yitwaga kwirukanwa), ushobora kugira amahirwe yo gusaba kurekurwa. Ugomba kuba ufite kopi ya raporo ya polisi nka gihamya y’ihohoterwa rikorerwa mu ngo.

Umugabo wanjye ankangisha kuntwara abana niba mutaye. Nakora iki?

Niba umugabo wawe cyangwa umuhungu w’incuti yawe agukangisha gutwara abana bawe cyangwa kubasubirana mu gihugu cye, ugomba gusaba ubufasha unyuzwe muri izi nzira:

1. Saba “**icyemezo cyo kurera abana**” (inyandiko yemewe n’amategeko iguha uburenganzira bwo kurera abana bawe). Icyo cyemezo gishobora kubuza umugabo wawe cyangwa incuti yawe kuvana abana muri Leta Zunze Ubumwe z’Amerika.
2. Ohereza kopi y’icyemezo cyo kurera abana muri Minisiteri y’Ubutegetsi bw’Igihugu muri Leta Zunze Ubumwe z’Amerika kugira ngo imubuze gusaba viza cyangwa urwandiko rw’abajya mu mahanga rw’abana. Ohereza kandi kopi kuri ambasade y’igihugu cy’amavuko cy’umugabo wawe cyangwa incuti yawe iri muri Leta Zunze Ubumwe z’Amerika.
3. Shyikiriza kopi y’icyo cyemezo ubuyobozi bw’amashuri y’abana. Bwira abakozi b’ishuri kudaha abana undi muntu uwo ari we wese utari wowe.

Ni Gute Nabona Amafaranga Yo Kumfasha (Kwiyitaho) N’abana Banjye Igihe Ntanye N’umugabo Wanjye?

Itegeko risaba se w’abana kubafasha ku birebana n’amafaranga atitaye ku miterere y’ubwimukira. Ibi bishingirwaho n’ubwo mwaba mubana, kabone n’ubwo mwaba mutarashakanye.

Wagombye kuvugana n’umwunganizi mu by’amategeko cyangwa ikigo cyakwishingiye, kugira ngo mubone uko mwabona ubufasha bw’abana muri California. Bamwe mu bagore bashatse bashobora kwemererwa guhabwa n’abagabo babo ubundi bufasha bw’amafaranga. Impunzi z’abagore zishobora gukoresha ikarita yazo ya I-94 nka gihamya y’uko bemerewe gukora.

Ndi Impunzi. Mbese nemerewe guhabwa ubufasha n’ubuvuzi?

Yego. Mu myaka itanu (5) ya mbere nyuma yo kugera muri Leta Zunze Ubumwe z’Amerika, wemerewe guhabwa ibiribwa, ubufasha bw’agateganyo ku miryango ikennye, kwivuza n’izindi gahunda rusange zifasha abaturage, kimwe n’umuturage wa Leta Zunze Ubumwe z’Amerika. Impunzi nyinshi zimaze imyaka itanu (5) cyangwa irenga ntizikomeza guhabwa ibiribwa. Kwemererwa kwivuza, ubufasha bw’agateganyo ku miryango ikennye n’izindi gahunda rusange zifasha abaturage ku mpunzi zimaze imyaka itanu (5) cyangwa irenga bihinduka bikurikije Leta barimo. Vugana n’umwunganizi mu by’amategeko cyangwa ikigo cyagufashije.

Mbese abana banjye bafite ubwengehugu bwa Leta Zunze z’Amerika Bemerewe inyungu rusange n’ubuvuzi?

Yego. Abana bawe bafite ubwengehugu bwa Leta Zunze Ubumwe z’Amerika bemerewe inyungu rusange kimwe n’abandi bana b’umuturage wese wa Leta Zunze Ubumwe z’Amerika.

Mbese nzoherezwa iwacu ninkora bimwe muri ibi bikorwa?

Oya. Niba uri muri Leta Zunze Ubumwe z’Amerika ukaba ufite inyandiko zemewe n’amategeko ntushobora koherezwa iwanyu kugira ngo habashe gukorwa ikirego ku ihohoterwa rikorerwa mu ngo. Ushobora koherezwa iwanyu niba ufite inyandiko mpimbano, wakoze icyaha, cyangwa utakurikije ibyo wasabiye viza yawe.

Mbese umugabo wanjye cyangwa incuti wanjye izoherezwa nindamuka mbikoze?

Niba uhawe ubufasha n’ushizwe amacumbi cyangwa umwunganizi mu by’amategeko, nta bwo umugabo wawe cyangwa incuti yawe izoherezwa. **Nuhamagara** polisi n’umugabo wawe cyangwa incuti yawe igafatwa kandi igahamwa n’icyaha, ishobora koherezwa bitewe n’imiterere y’ubwimukira n’icyaha cye.



Irinde urinde n’abana bawe.

Wibuke ko ihohoterwa rikorerwa mu ngo ari icyaha gihanwa n’amategeko.

Ni ingenzi gushaka ubufasha.

